“*GUTABAZA YESU MU BYO DUKENEYE BYIHUTIRWA*”

Icyumweru cya 11 - 100 Iminsi Y’amasengesho

Ku ya 5 Kamena - 11 Kamena 2020

IGIHE UMUGARU UGUTUNGUYE

Byateguwe na: Paul Dysinger

Nari naryamishije umwana wacu w’umuhungu witwa Etani kugira ngo asinzire. Wari umunsi mwiza warangwaga n’ umucyo w'izuba.Ibicu byagendaga byegerana hari mu mafu y’igicamunsi, byakomeje kugenda bisunikana, bisunikana byihuse kandi mu buryo bukomeye.

Ubwo numvaga umugore wanjye Natasha ahamagarira muri salo, Etani we yari yasinziriye.Nasohotse mu cyumba turaramo maze ndebera mu idirishya. Ikintu cya mbere nabonye hanze ni umuyaga mwinshi wihutaga cyane bidasanzwe! Ijuru ryagendaga ryijima kandi rirushaho kwijima.Twumvise amashami y'ibiti avunika maze aza guteza impanuka. Byari bimeze nk’aho batema ibiti.Ibyari iruhande rw’inzu yacu byikubita hasi. Narebye mu rundi ruhande hakurya y'akazu kacu kugira ngo ndebe ubusitani bwacu nsanga nta kintu nta kimwe kikirimo rwose. Inzu y’ubusitani ishakaje purasitike ibonerana yari yashwanyaguritse rwose. Nafashe terefone yanjye kugira ngo ndebe uko ikirere kimeze, ariko interineti nta yari iriho.

Numvise Natasha avuga ngo"Nshuti yanjye, dushobora kugenda?” Ndamusubiza nti: "Yego - reka tugende."

Twafashe Etani wari uryamye ku buriri maze nshyira mudasobwa yanjye igendanwa mu gikapu, hanyuma tujya mu modoka - tuvuga ko mu mwanya uwo ari wo wose

igishami cy’igiti cyangwa igiti kiramutse kiguye gishobora kutubuza guhaguruka ngo duhunge. Twarasenze mu gihe twiteguraga kunyura mu muhanda w’igitaka tugana mu rugo rw’ababyeyi aho inzu yo hasi yari ahantu hizewe mu gihe dutegereje ko umugaru urangira. Igiti cyari cyamaze kugwa cyambukirajije umuhanda twagombaga kunyuramo ku buryo byadusabaga kuzenguruka.Turashima ko twabishoboye.

Kugeza ubu imvura yari irimo kugwa; ariko iyo twanyuze yari imvura ikomeye, yari iruhije kunyurwamo n’umuyaga mwinshi ukaze.Amaherezo twageze mu nzu yo hasi aho ababyeyi banjye babaga ari naho hari umutekano.Hari ikintu kitumvikana. “Nta n'umwe muri twe wabonye umuyaga uhagera.Nta muntu n'umwe”. Marume yari yarasohotse ajya ku mashini ihinga kandi yagombaga kuyikoresha maze ayinjiramo. Kandi nawe yari afite inzu y’ubusitani yari yangiritse nk’iyacu n’indi yari afite yari yangiritse mu buryo bubi cyane (hari hameze nk’aho inzovu yabyinagiye). Umugaru wadukubise mu buryo butunguranye kandi ntitwari twiteguye.

Twese turashima ko turi amahoro kandi buri wese ameze neza. Ariko umugaru uracyadutera tutiteguye. Bimeze nk’uko iki cyorezo cya COVID-19 cyibasiye isi yacu tutiteguye. Kandi hano hari ikintu tuzi ko hariho igihe umugaru mwinshi utera dukurikije icyo ubuhanuzi bwo muri Bibiriya butubwira. Ikibazo ni iki, “Ni buryo ki twitegura guhangana n’iyo migaru?”

Mvugishije ukuri, nk’umuntu ukora mu busitani, ntiwabasha kugenzura neza imihindagurikire y’ibyaremwe. Umuyaga, imvura, izuba, urubura - ntushobora kubigenzura nta busa. Ushobora gutegura gahunda mbere maze ukabyitegura niba ufite iteganyagihe ryiza. Ariko rimwe na rimwe ibintu bibaho tutabashije kubibona mbere. Noneho se wakora iki?

Reka nkubwire icyo dukora. Turasenga. Twese tuzi nezako Imana ariyo mugenga n'ubwo ibintu byaba byabaye bibi cyane. Turahaguruka tugakomeza urugendo. Niyo ubuzima bwakwangirika tubureba, tugomba guhaguruka tukiyubaka. Imigaru yo muri ubu buzima birashobora ko yadukubita hasi ariko tugomba gusingira imbaraga z'Imana maze tugakomeza tukajya mbere.

Kuri twe, iyi nzu y'ubusitani ni igihombo gito twahuye nacyo. Birumvikana, byadutwaye amafaranga make n'igihe cyo gukosora. Ariko mu minsi mike twasubijeho rya sakaro rya purasitike risakaye bwa busitani kandi muri iki gihe turizera ko twiteguye kurushaho, mu gihe ibintu nk'ibi byakongera kubaho.

Ariko tuvuge iki ku mugaru wo muri ubu buzima? Tuvuge iki ku mugaru umubiri uhura nawo, amarangamutima, uw'iby' umwuka n'ubukungu byatewe na COVID-19? Wasubiza iki? Ni gute wabasha kongera kubaka? Ni ayahe masomo wakwigiramo yazagufasha mu bihe by' umugaru w'ahazaza? Iyo ibintu bibaye kandi udashobora kubigenzura neza, ni hehe wahindukirira kugira ngo uhabonere imbaraga no guhumurizwa?

Yesu niwe twishingikirizaho.Ni nawe byiringiro byacu. Dushobora kumuhindukirira kuko ari umwami w'amahoro ushobora guturisha umugaru akoresheje ijambo riva mu kanwa ke. Dushobora kumuhindukirira kugira ngo atunyuze mu mugaru wo muri ubu buzima ndetse no mu bihe by'imperuka.Mbese ntiwakwemera ukamwizera uyu munsi?

"Ugushikamishijeho umutima uzamurinda abe amahoro masa kuko akwiringiye. Mujye mwiringira umwami iminsi yose, kuko Umwami Yehova nyine ari we rutare ruhoraho iteka ryose." - Yesaya 26: 3-4

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Mbese wafashe ute icyorezo cyakwiriye isi yose? Ni buryo ki ibi byagize ingaruka cyangwa biikaba bitaragize ingaruka ku kwizera kwawe muri Yesu? Mbese urifuza kumwizera mu gihe cy'umugaru utateganyaga wo mu gihe kizaza cyo muri ubu buzima bwawe? Mbese wizera ko Yesu ashobora rwose kukubera mu by'ukuri Urutare rwawe rw'iteka ryose?

IMBOGAMIZI TUGOMBA KUZIRIKANA

Saba Imana kugira ngo ikwereke ahantu ushobora kuba utaramuhaye uburenganzira bwuzuye bwo kuhagera muri ubu buzima bwawe; ikintu cyose ushobora kuba udashaka kureka ko cyagenzurwa. Saba Imana ngo ikubabarire kandi ikubashishe kuyizera. Bishoboka ko iki cyorezo hari icyo cyakwigishije mu buzima bwawe aho wari warabuze aho wageragereza kwizera kwawe. Saba Yesu inshuti yawe ngo agufashe kumwegurira byose kandi akwigishe kumwizera nubwo waba uri mu mugaru wo muri ubu buzima.

Umunsi wa 71 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatandatu w'isabato, 5 Kamena 2020

RAPORO ZO GUSHIMA

• Alex G. (Soma Alegisi G.) Yaravuze ati: Imigisha ibiri ikomeye! Nari natangiye kwiga ibyigisho bya Bibiliya hamwe n'umuganga wo mu mujyi twari dutuyemo, kandi kubera COVID-19 twashoboraga kwiga inshuro nyinshi kuruta mbere. Yemeye kubatizwa na mbere yo kudusura mu rusengero. Nanjye nabonye imigisha myinshi cyane, nubwo byabaye ngombwa ko mpagarika ingendo zanjye zose

z’umwaka, nashoboraga kwitegura neza cyane, ku buryo nashoboraga gusenga cyane, gusoma Bibiliya yanjye cyane, kwandika byinshi no gukora neza cyane. Muri iki gihe duhura n’ibirushya byinsh, habonekamo n’imigisha myinshi cyane.

• Rebeca yaravuze ati: Hashize ibyumweru bibiri, njye n'umugabo wanjye twari mu bihe bikomeye cyane. Ntabwo twakiraga telefone kandi imodoka yacu yaguye ahantu hari ubunyerere bwinshi kandi nta bundi buryo twari dufite. Twarasenze dusaba Imana kutubera umushoferi. Mu gihe nari ndangije gusenga, numvise nshaka kuririmba indirimbo. Umugabo wanjye yavuze ko mu munota umwe, igihe nari kuririmba yumvise muri we hari umuntu udusunitse atuvana aho hantu. Nzi ko ari Imana yari ishubije amasengesho yacu. Biratangaje kandi nkunda cyane uburyo ahora akorera mu bugingo bwacu!

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abasore n’abakobwa bahanganye n'ubushomeri muri iki gihe bitewe n’ icyorezo cya covid-19.
2. Gusabira Magadalena n'umugabo we batuye mu cyaro cya Kolombiya bagerageza kugeza ubutumwa bwiza ku bantu kugira ngo biyegurire Yesu. Bakeneye urusengero kugira ngo babashe kujya bateranira hamwe.
3. Gusabira amatorero yo ku isi yose adafite ibibanza cyangwa inyubako yo guteranira mo bitewe n’ibihe bitandukanye.
4. Gusabira abakorerabushake b'umwaka umwe-mu-butumwa bwiza bafasha abimukira bo muri Hayiti muri Chili kwiga ururimi rw'icyesipanyoli no kumenyera ubuzima n'umuco bya Chili. Saba Imana ngo ibafashe kandi binyuze mu bakorerabushake no kubafasha kubaka ubucuti no kwizera.

Umunsi wa 72 - Kwibanda ku masengesho – ku Isabato, 6 Kamena 2020

Umufasha, Umuvugizi, Umuhoza

“Ariko, ndababwira ukuri yuko ikizagira icyo kibamarira ari uko ngenda, kuko nintagenda Umufasha atazaza aho muri ariko ningenda nzamubohererereza.”

(**Yohana 16: 7**)

“Mwuka wera niwe mpano isumba izindi zose yashoboraga gusaba se wo mu ijuru kugira ngo abantu be bongerwe imbaraga. Mwuka wera yagombaga gutangwa mu buryo buhoraho, kuko bitabaye bityo igitambo cya Kristo cyari kuba nta mumaro gifite…..icyaha no kugitsinda byari gushoboka gusa binyuze mu mbaraga z’uwa gatatu mu butatu buziranenge.Mwuka wera niwe utuma umutima ushobora kwezwa.Binyuze muri Mwuka wera, uwizera ashobora guhinduka umuragwa wa kamere y’Imana. Kristo yatanze Mwuka we nk’imbaraga y’ijuru ituma dushobora gutsinda irari rya kamere ndetse n’ingeso twatoye zituganisha ku kibi, kandi Kristo akoresha Mwuka we kugira ngo ahe itorero imico ye. Avuga ibyerekeye Mwuka, Yesu yaravuze ati:”Azampesha ikuzo” (**Uwifuzwa ibihe byose P.456-457)**

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Wigeze na rimwe ushima byimazeyo impano idasanzwe y'Umwuka Wera? Ni umwe mu bagize ubumana butatu, kandi Yesu yamukwoherereje nk’impano. Aravuga, arayobora, yemeza abantu ibyaha, arafasha, arahumuriza, araguhindura kandi aguha imbaraga mu rugendo rwawe rwo guhinduka kurushaho ukamera nka Yesu wuje urukundo.

Mbese wishimiye kurarika Mwuka Wera mu bugingo bwawe? Waba warigeze kumubona.Mwuka wera niwe utuma umutima ushobora kwezwa.Binyuze muri Mwuka wera, uwizera ashobora guhinduka umuragwa wa kamere y'Imana."?

Ni kuki muri aka kanya utakwemera kwakira impano ya Mwuka Wera uva kuri Yesu, ukamurarikira kuza mu mutima wawe kandi ukamwegurira ibice byose by' umubiri bwawe?

RAPORO ZO KWISHIMIRA

• Nicole P. (Soma Nikole p.) yaravuze ati: Nabonye abana banjye bakurira mu bucuti bwabo na bagenzi babo nk'uko bakundaga gukina kandi bakoranaga badafite inshuti zindi. Twagize umwanya munini wo gusenga mu muryango mu gitondo na nimugoroba nta numwe ubuzemo kubera akazi cyangwa ishuri. Twakoze ibintu byinshi mu rugo rwacu, twese twakoreraga hamwe. Twagize ibiganiro byinshi bikomeye mu muryango kubyerekeranye n'ibihe byo mu minsi y'imperuka.

• Gabriel A. (Soma: GABURIYELI A.)Yaravuze ati: Ndashimira Imana kubwo gukira indwara kudasanzwe muri iyi minsi 100 y'amasengesho. Umuyobozi wacu w'indirimbo mu ishuri ryo ku isabato yatangaje uburwayi budasanzwe bwo mu kuguru. Nyuma y'amasengesho Imana yaramukijije kandi akora umurimo w'Imana ku Isabato yakurikiyeho, 23 Gicurasi. Imana ishimwe!

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abizera bo muri Nijeriya bahuye n'akarengane no gutotezwa n'amabandi atandukanye ndetse n'abayobozi b'inzego z'ibanze.
2. Gusabira gahunda yo kubaka ikigo nderabuzima muri Panka, mu burengerazuba bwa Java. Bakeneye ko Imana yabakorera Igitangaza bakabona amafaranga!
3. Gusabira Maritina R.umaze imyaka ibiri ahanganye n'uburwayi bw'ubwirinzi bw'umubiri (abasirikare b'umubiri).Uburwayi bwe bwatumye bidashoboka ko akora umurimo w'Imana.
4. Gusabira ikigo cyitwa 'Inkomoko' giherereye mu birwa bya Galapagosi. Bakira ba mukerarugendo baturutse mu mijyi yo hirya no hino ku isi. Inkomoko ni inzu ndangamurage ya mbere y'ubuhanga buhanitse. Saba Imana ngo ibarambikeho ikiganza cyayo, ibararikire abashyitsi benshi no guha abakozi ubutumwa bw'ibyo ishaka ko bageza ku bashyitsi.

Umunsi wa 73 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa mbere w'isabato, 7 Kamena 2020

Umwuka w'ukuri

"Uwo Mwuka w'ukuri naza azabayobora mu kuri kose kuko atazavuga kubwe, ahubwo ibyo azumva nibyo azavuga, kandi azababwira ibyenda kubaho. Uwo azanyubahiriza, kuko azenda ku byange akabibabwira." Yohana 16: 13-14

"Binyuze mu ijambo ry'Imana, Mwuka wera avugana n'imitima yacu, maze akatwemeza ukuri. Kandi agaragaza ibinyoma maze akabyigiza kure y'intekerezo

zacu. Binyuze muri Mwuka w’ukuri ukorera mu ijambo ry’Imana, Kristo yiyegereza abo yatoranije. (Uwifuzwa ibihe byose P.456)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Yesu ni Ukuri. Niwe Muntu urangwa n'ukuri. Nk’umuremyi, yasobanuye kandi ashyiraho iby’ukuri byose bihuza neza n’imico ye y'urukundo rutikanyiza. Satani yazanye ibibi n'ibinyoma mu isi, agerageza gushyiraho uburyo bushya bwo kwikunda.Mu by’ukuri ni ikinyoma gikomeye kiganisha ku rupfu. Kugira ngo duhunge ibishuko bya Satani twahawe Ijambo ry'Imana. Mwuka Wera niwe ushobora guhumura amaso yacu kugira ngo tumenye iby’ ukuri byose biri muri Bibiliya nk’uko biri muri Yesu. Niwe ushobora kutuvana mu binyoma akatujyana mu mucyo wa Kristo.Niwe Kuri, Jambo wigize umuntu.

Mbese ntiwakwemerera Mwuka Wera agatuma Yesu ahabwa ikuzo mu bugingo bwawe akakuyobora mu kuri binyuze mu Ijambo rye? Ntiwamwemerera nibura akaguhishurira ukuri, ukareka akavugururа umutima wawe kugira ngo awuhuze n’urukundo nyarukundo rutikanyiza?

RAPORO ZO GUSHIMA

• Vasantha P. (Soma: Vasanta.P) yaravuze ati: Kubera iki cyorezo cya covid-19 nabonye igihe gihagije cyo gusoma.Ibyanditswe, kugira ibyo nandika, kureba ibibwirizwa no kumva indirimbo z’iby’umwuka, byatumye ngira ibihe bishimishije ntigeze ngira mu buzima bwanjye!

• Carol D.(Keroli D.) yaravuze ati: Ndashimira Imana kubw’imbabazi zayo no kugira neza kwayo. Nabaye umwizera mu itorero ry’Abadiventiste b’umunsi wa

karindwi igihe cy’imyaka 33 kandi kuri jye iki cyorezo cya covid-19 cyambereye umugisha kuko ntari nzi akamaro ko kwitungira amagara mazima. Imana yakoreraga mu mutima wanjye. Mu byo kurya, nahisemo kujya nkoresha bimera. Imana ihabwe ikuzo!

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira amatorero ari guharanira kujya afasha abantu akoresheje ikorana buhanga ryihuse.Basabire kubera kubura ibikoresho by'ikoranabuhanga n’ imirimo isaba umurongo wa interineti.
2. Gusabira abizera b'Abadiventisti bo muri Omani bari kugerageza kubona umwanya waho bazajya bateranira mu gihe cyo gusenga nyuma y’iki cyorezo.
3. Gusabira imiryango ihanganye no gukandamizwa n' abadayimoni.Basabire kunesha ibyaha bishobora kuba aho Satani yakwinjirira aza kurimbura abihaye Yesu.
4. Gusabira inzu y'Abadiventisti ibamo abagore batagira aho baba i Leyipizige mu Budage. Mu myaka irenga 25 uyu murimo warakorwaga kandi bateraga inkunga abagore bagera ku 2000. Saba Imana ikomeze gushyigikira uyu murimo, izana ibyiringiro no gukiza ababikeneye.

Umunsi wa 74 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa kabiri w’isabato, 8 Kamena 2020

Ukwemera gukiza

“Ubwo azaza azatsinda ab’isi, abemeze iby’icyaha n’ibyo gukiranuka n’iby’amateka, iby’icyaha, kuko batanyizeye, n’ibyo gukiranuka kuko njya kwa

Data, kandi namwe muzaba mutakimbona, n'iby'amateka kuko umutware w'ab'iyi si aciriweho iteka. (Yohana 16: 8-11)

"Isezerano ryo guhabwa Mwuka muziranenge ntabwo ryahawe ab'igihe runaka cyangwa ubwoko runaka. Kristo yavuze ko imbaraga mvajuru ya Mwuka we yagombaga kubana n'abayoboke be kugeza ku mperuka. Kuva ku munsi wa Pentekote kugeza ubu, umufasha yohererejwe abantu bose biyeguriye Imana n'umurimo wayo batizigamye. Abantu bose biyeguriye Kristo nk'Umukiza wabo bwite, Mwuka muziranenge yabajeho nk'umujyanama, uweza, umuyobozi n'umuhamya." (Ibyakozwe n'intumwa P.31)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Kimwe mu bikorwa bya Mwuka Wera ni ukutwemeza icyaha, gukiranuka no guca imanza. Ibi bintu bitatu bigize umurimo we wo guhindura abantu bigaragarira mu buturo bwayo bwera n'umurimo wabwo. Mu rugo niho hatambiwe igitambo cy'ibyaha (cyerekeza kuri Yesu ku musaraba). Ahera ho mu buturo hari ibintu bitatu byatumaga haboneka gukiranuka kwa Kristo byagaragariye ku meza y'imitsima idasembuwe (kwiga ijambo ry'Imana), Igicaniro cy'umubavu (Isengesho), n'igitereko cy'amatabaza (Guhamya kuzuye Mwuka wera). Byose byagaragariye mu rugero rw'imibereho ya Kristo watubereye icyitegererezo muri iki gihe kandi n'ahera cyane hatwibutsa akamaro kabyo n'ukuri ku byerekeranye n'urubanza nk'uko Umutambyi Mukuru wenyine yahinjiye ku munsi w'impongano (Yesu niho yatangiriye umurimo w'imanza kagenzuzi ku bwawe).

Mu yandi magambo, umurimo wa Mwuka Wera ni ukutuyobora mu nzira y'agakiza binyuze mu kwizera ikintu cyose Yesu yadukoreye n'icyo ari kudukorera.

Mbese ushobora kubona neza akamaro n’ umurimo mwiza wa Mwuka Wera? Mbese wanezezwa no kwifatanya nawe mu murimo we wo kuguhindura? Mwemerere ngo akuyobore kuri Yesu anaguhindure nka we mu mico mu gihe witegura urubanza.

RAPORO ZO GUSHIMIRA

• Amatorero menshi, menshi cyane yashoboye kuzamura ikoreshwa ry’urubuga nkoranyambaga kugira ngo agere kandi asabane n’abizera.

• John K. (Soma: Yohana K.) Yaravuze ati: Biratangaje kubona muri iki gihe kibi, abizera b'amatorero mu karere kacu barushijeho gukiranukira Imana mu kugarura icya cumi n'amaturo. Twageze ku ntego yacu muri Gicurasi.Dusenga mu gitondo na nimugoroba muri iki gihe cy’iminsi 100 y’amasengesho. Ntabwo yahatangijwe gusa ahubwo yongereye umuco wo gusenga mu rugo rwanjye. Mu ijoro ryakeye, umukobwa wanjye w’imyaka 2 yampamagaye mu gitondo arambwira ati "Papa, igihe kirageze cyo gusenga!" Ndashimira Imana kandi menye ko yatangije mu muryango wanjye ikintu cyari kiwubuzemo aricyo “umuco wo gusenga”.

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abantu benshi, abato n'abakuru, bahanganye n'ibiyobyabwenge by’inkuru nkoranya mbaga
2. Gusabira abizera bo muri Perifi muri Ositaraliya babwiriza ubutumwa abaturage baho bakoresheje uburyo bwo kubandikira
3. Gusabira umwana Tayisoni wo muri Zerande nshya uri gufashwa kugira ngo abeho. Abaganga barashaka gukuraho ibyamufashaga, ariko twizera ko Imana

iri ku murimo wayo nkuko yamuhumuye amaso.Arabasha gusakuza no kunyeganyeza ibirenge.

4. Gusabira ikigo cy'abadiventiste cy'ibyiringiro by'ubuzima kiri mu mujyi wa Nazareti. Kigisha icyongereza, mudasobwa, n'amasomo y'ubuzima. Saba Imana ihe umugisha kandi iteze imbere uyu murimo kurinda no kuyobora abakozi no kwiyegurira Kristo.

Umunsi wa 75 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatatu w'isabato, 9 Kamena 2020

Kugaragaza imico ya Yesu

"Ariko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo, n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka no kugwa neza no kwirinda. Ibimeze bityo nta mategeko abihana." - Abagalatiya 5: 22-23

"Uko wakira umwuka wa Kristo - Umwuka w'urukundo rutikanyiza n'uwo gukorera abandi – uzakura mu bya Mwuka kandi were imbuto. Ubuntu bukomoka kuri Mwuka buzakurira mu mico yawe. Uzakura mu kwizera, imyizerere yawe izarushaho gukomera, urukundo rwawe ruzarushaho gutungana. N'ibindi n'ibindi uzarushaho kugaragaza Kristo mu bintu byose byera, byiza, kandi uzagaragaza urukundo. Uru rubuto ntirushobora kugenda buheriheri, ahubwo ruzatanga umusaruro wo kuzatuma turagwa bugingo bw'iteka. " (imigani ya Kristo P.28 cyangwa Christ's Object Lessons, p. 67-68)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Mwuka wera atuyobora kuri Yesu. Kandi nkuko tuguma muri Yesu binyuze mu guhuzwa na Mwuka Wera buri munsi, atuma dukuza muri twe imico igaragaza buri munsi buhoro buhoro kutihugiraho, kwigomwa no gukunda imico ya Kristo. Ni uburyo bwo guhinduka kw'imibereho uko igihe kigenda nk'uko umwembe udakura mu isaha imwe. Urugemwe rumaze guterwa ahubwo rufata igihe cyo gukura rukavamo igiti hanyuma kikazera imbuto.Niko n'umurimo wo kwezwa uri.Ni inzira ifata igihe ariko ukizera ko kubwo kwiyegurira yesu no gukiranuka, ibintu byose biranga imbuto ya Mwuka wera bizagaragarira mu mibereho yawe.

Mbese ntiwigeze ureka Mwuka Wera ngo atume imbuto ye ikurira muri wowe? Muri wowe haba hagaragara bimwe mu biranga imbuto ya Mwuka wera wagiye urwanya ngo idakorera muri wowe? Ni icyifuzo cyawe ko wakwerekana Yesu cyane kugeza igihe abantu bose bakubonamo imico ya Yesu irangwa n'urukundo?

RAPORO ZO GUSHIMA

• Jones S (Soma: Jonesi S.).Yaravuze ati: Ndashimira Imana kubw'iminsi 100 yo gusenga. Yatumye ubuzima bwanjye bumurikirwa n'umucyo. Nari naratangiye gucuruza imigati ikorwa n' Abadiventisti muri iki gihe kandi mbwiriza Ijambo ry'Imana binyuze muri ubu buryo bwo gukora imigati. Binyuze mu murimo wa Mwuka Wera, umwe mu bantu nagejejeho ubutumwa yahisemo kuba umwizera w' umudiventisiti w'umunsi wa karindwi. Ndashimira Imana kuba yaranyeretse uburyo bunyuranye dushobora kwamamazamo ijambo ryayo no gutebutsa kugaruka kwa Yesu

• Umuvandimwe P. yaravuze ati: Mu gihe cya guma mu rugo, nafashe ibihe bitandukanye byo kubaza muri buri cyumweru.Imana yambashishije kwakira

ibisubizo by’ibibazo byanjye binyuze mu butumwa butandukanye n’ubunararibonye bwatanzwe n’abanditsi b'iminsi 100 y'amasengesho. Urakoze Mwami, kubw’urukundo rwawe rukomeye n’igihe cyo gufatanya amasengesho na bagenzi bacu ku isi yose.

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abapasitori, abasaza n'ababwiriza b'abalayiki ku isi bitabiriye ibikorwa bitandukanye by'ivugabutumwa bifashishije umurongo wa interineti.
2. Gusabira itorero ry'Abadiventisti b’ummunsi wa kalindwi ryo muri Isilande. Ni abizera bake cyane kandi Isilande ni igihugu gifite umutekano. Basabire bakomeze gutera intambwe, ububyutse, n’ibisarurwa bikomeye byo gusarurira Yesu.
3. Gusabira ikigo cy’abadiventiste b’umunsi wa kalindwi kirwanya ibiyobyabwenge n’inzoga mu murwa mukuru wa Guatemala.Ikindi kiyongeraho barabatuwe bava mu biyobyabwenge bituma abantu barenga 1.500 babatizwa mu myaka icyenda y’umurimo. Saba Imana gukomeza kubaha imigisha, gutanga no guhindura imibereho yabo kugira ngo bazabone ubugingo bw’iteka.
4. Gusabira resitora y’abadiventisiti iteka ibikomoka ku bimera muri Bironi Beyi muri Ositaraliya. Yashyizwe ku mwanya wa mbere mu hantu nyaburanga ho muri Ositaraliya.Senga kugira ngo Imana ihe umugisha uyu murimo kandi uzatume hari benshi biyegurira Kristo

.

Umunsi wa 76 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa Kane w'isabato, 10 Kamena 2020

Impano irushijeho kuba nziza!

"None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, so wo mu ijuru ntazarushaho rwose, guha Umwuka wera abamumusabye?" (Luka 11:13)

"Uhoraho yifuza guha Mwuka Muziranenge abamukorera kurusha uko ababyeyi bifuza guha abana babo impano nziza. Buri mukozi wese yari akwiriye gusaba Imana kubatizwa na Mwuka buri munsi" (Ibyakozwe n'intumwa P.32)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Data yiteguye cyane kuguha Mwuka Wera niba umumusabye. Imana ntiyigera imuguhatira.Niyo mpamvu ugomba kumusaba. Amagambo y'umwimerere y'ikigiriki nk'uko aboneka muri Luka 11 yerekana ko gusaba ari igikorwa gihoraho. Mu buzima bwawe ukarushaho kumusaba, ugafungurira Imana umutima wawe nk'uko ururabyo rwifungurira izuba. Buri munsi kandi mu buryo bukomeza dukeneye kubatizwa no kubana n'Imana mu buryo bwuzuye binyuze muri Mwuka wera. Igikorwa cy'Imana cyo kweza no gutegura abantu kugira ngo bagire imico myiza,ni igikorwa gikorwa buhoro buhoro. Buri munsi ahindura imibereho yacu, atuvaniraho imbogamizi kandi akatuyobora binyuze mu Ijambo ryayo.Dukeneye kurarika buri munsi Mwuka wera mu mitima yacu ku buntu n'ubushobozi bwo kumvira no gukora dukurikije ubushake bw'Imana gukunda bagenzi bacu nk'uko yadukunze.

Ushobora kuba warigeze gusaba Mwuka Wera mbere, ariko ukumva ko ukeneye kubatizwa nawe buri munsi.Mbese ntiwamusaba akajya ahora aboneka muri wowe

buri munsi? Mbese ntiwasaba Mwuka wera ngo ature muri buri cyumba cy'umutima wawe? Ntugire ikindi kintu cyose wamuhisha.

RAPORO ZO GUSHIMA

• Luis U (soma: Luwi U.) Yaravuze ati: Njye n'umugore wanjye n'abandi bantu batandatu twakoresheje uburyo bwo kwigana dukoresheje ikoranabuhanga (Skype) twiga Bibiliya muri iki gihe cya guma mu rugo. Natumiye abantu benshi kuza kureba gahunda zidasanzwe zatambutse kuri radiyo y'Abadiventisti b'umunsi wa kalindwi muri Burezile.Abantu benshi batari abakirisitu ubu bakurikirana ubutumwa bw'Umwami wacu.Bamwe mu nshuti zanjye zitari abakirisitu batangiye kwizera ko kugaruka kwa Yesu ari ihame ridakuka.

• Winfrida M (Soma: Winifirida M.) yaravuze ati: Ndashaka kubagezaho ijambo ryo kubatera ubutwari bw'uburyo amasengesho akora! Ku Isabato ishize abantu batanu barabatirijwe i Kinshasa nyuma ya gahunda y'iminsi 100 y'amasengesho bakurikiraniye kuri Radio, Watsapu n'izindi mbuga nkoranyambaga!

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira abizera basubira inyuma muri iki gihe cy'icyorezo cya covid-19. Saba Mwuka Wera ngo akore ku mitima yabo kandi usabire abantu bashobora kubageraho kugira umurava, ubwenge n'urukundo mu gihe bashaka kubafasha kugaruka mu rugendo rwo gukiranukira Yesu.
2. Gusabira abizera bo muri Konferanse y'iburengerazuba bwa Zimbabwe bahagurukiye gutera inkunga abafite ibyo bakeneye, abatishoboye, abasaza, n'abafite ubumuga babarizwa aho batuye.

3. Gusabira abizera cyangwa abahoze ari abizera n’urubyiruko baguye mu mutego w’inyigisho z'ibinyoma n'ubuyobe. Saba Imana ifungure amaso yabo kandi itorero ribafashe kubona ukuri nk’uko kuri muri Yesu.
4. Gusaba Imana ngo irinde abaganga b’ inzobere bo ku bitaro by’urwibutso rwa CHI Katanoga n’ibindi bitaro byo ku is yose.

Umunsi wa 77 - Kwibanda ku masengesho - Ku wa gatanu w’isabato, 11 Kamena 2020

Guhabwa imbaraga zo gukora

"Icyakora muzahabwa imbaraga Umwuka wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamya i yerusalemu n’i Yudaya yose n’i Samariya no kugera ku mpera y’isi." (Ibyakozwe 1: 8)

“Abakozi b'Imana ntabwo bose bafite impano zimwe, ariko bose ni abakozi bayo. Buri wese agomba kwigira ku Mwigisha mukuru, hanyuma bakageza ku bandi ibyo bamwigiyeho. Bose ntibakora umurimo umwe, ariko bakorera munsi y’ukuboko kwa Mwuka wera ubeza bose.Ni ibikoresho by’Imana. Imana ikoresha abantu bafite impano zitandukanye mu murimo wayo wo kubohora imitima y’abantu ingabo za Satani zigaruriye” (Ye Shall Receive Power, p. 192)

IBIBAZO BYO KUZIRIKANA

Ni ikintu gishimishije kwitabira umurimo w’Imana wo guyobora abantu kuri Yesu. Wowe, hamwe n’ impano zawe, ubushobozi bwawe n’ ubushobozi bwawe bwo kugira abo uhindura bibasha gutuma ugeza ubuntu bwa Yesu ku batuye isi. Ibyo biratangaje! Iyo ubugingo bwawe wabweguriye Imana kandi ukaba wuzuye Mwuka

Wera, izaguha imbaraga zo gukora uruhare rwawe rwo kugarurira Yesu imitima ya benshi! Azeza ubushobozi bwawe kandi aguhe impano za Mwuka wera kugira ngo ubashe gusohoza umurimo uwo ari wo wose agushinga.

Mbese uyu munsi ntiwakwemera kwitangira umurimo wo kugarurira Yesu imitima y'abantu? Mbese ntiwakwizera ko Mwuka Wera azaguha imbaraga zo gukora n'ubwo ibintu byaba bigaragara ko bidashoboka? Ntiwasaba Yesu akakubatirisha Mwuka Wera mu gihe ugira uruhare mu kugeza ubutumwa bwiza ku bagukikije ndetse no ku isi yose?

RAPORO ZO GUSHIMA

• Mary F. (Mariya F.) yaravuze ati: Itorero ryacu ryahawe umugisha wo kuba umwe mu masengesho yo mu minsi 100 y'amasengesho. Itorero ryabonye amahoro akomoka ku Mana kandi ryanabonye ibiganza bikomeye by'Imana.

• Ronald L. (Ronaridi L.) yaravuze ati: Mu gihe cya guma mu rugo, itsinda rito rigizwe ahanini n'abahoze ari abadiventiste b'umunsi wa kalindwi ndetse n'abantu bashya bashishikajwe no kwiga Bibiliya. Nk'umukuru w'intara wabo, nahuye n'iryo tsinda rito, riyoborwa mu gikorwa cy'ububyutse mu gihe cyo kuramya. Ku musozo w' Inama irangiye twateguye gahunda yo kozanya ibirenge no kujya ku ifunguro ryera kandi twatunguwe nuko abizera 52 bitabiriye uwo muhango.60% by'abitabiriye bari abahoze ari abadventisiti b'umunsi wa kalindwi kandi bashya bemeye kwakira Yesu bagirana amasezerano n'Imana binyuze muri icyo gikorwa cy'ifunguro ryera. Ndashaka guhimbaza Imana kuba yarashyizemo Papuwa yo muri Gineya nshya mu minsi 100 y'amasengesho ku munsi wa 57. Imana yashubije amasengesho yawe ku munsi wakurikiyeho wa 23 Gicurasi iyobora intama zayo yazimiye kugira ngo zigaruke mu bushyo bwazo. Imana ishimwe!

IBYIFUZO BYO GUSENGERA

1. Gusabira amatorero yo mu birwa bya Karayibe ari ku isonga mu guhangana n'iki cyorezo cya covid-19 ubu bakaba biteguye kuzahangana n’inkubi y’umuyaga muri uyu mwaka wa 2020.
2. Gusabira umurimo w'itorero ry'abadiventisti b’umunsi wa kalindwi bo mu mujyi wa Elikoti, MD, muri leta zunze ubumwe za Amerika, mu gihe bari gukusanya udupfukamunwa (masks), udupfukantoki (gloves) n’ ibirinda maso (goggles) abaganga bifashisha.
3. Gusabira urubyiruko rwo mu itorero rya Setagaya riri kubaka umushyikirano hagati yabo n'abaturage babakikije. Sabira uru rubyiruko n'abayobozi babo mu gihe bari gushaka uburyo bw’uko abatuye umujyi wabo wakwakira agakiza.
4. Gusabira ikigo cy’ibwirizabutumwa cy’i San Jose muri Kosta Rika cyigisha amasomo y'umuziki n'imyitozo ngororamubiri, ubujyanama ku miryango, kwiga Bibiliya n'ibindi. Saba Imana ihe umugisha iyi gahunda kandi haboneke abantu benshi bakigana bakeneye kukimenya.